BRD
Tel: (250) 252 575079/ 252 575080; Fax: (250) 252 573569; P.O Box: 1341 Kigali-Rwanda; email: brd@brd.rw

ITANGAZO

Banki y'Amajyambere y'u Rwanda (BRD) irasaba abakoresha bose bafite abakozi bahawe inguzanyo na Leta y'u Rwanda zo kwiga amashuri makuru kuva mu mwaka wa 1980 kubahiriza inshingano zabo ziteganywa mu Itegeko Nº 44/2015 ryo kuwa 14/09/2015 rigenga inguzanyo na buruse bihabwa abanyeshuri. Kubera iyo mpamvu, BRD irasaba abakoresha n'abakozi bireba ibi bikurikira:

- Abakoresha basabwe gushyikiriza BRD urutonde rw'abakozi babonye inguzanyo yo kwiga n'imyirondoro yabo kugira ngo batangire kwishyura inguzanyo bahawe. Inyandiko yo kuzuza (form) iboneka ku rubuga rwayo rwa Internet: www.brd.rw. Urwo rutonde ruzashyikirizwa BRD hifashishijwe email: education@brd.rw cyangwa aho Ishami ryayo rishinzwe inguzanyo z'abanyeshuri rikorera ku Kacyiru ku muhanda KG 541.
- Ku bakozi basanzwe bishyura hakoreshejwe gukatwa ku mushahara; BRD irasaba abakoresha babo ko bakimara gukata ku mishahara y'abakozi amafaramga yo kwishyura inguzanyo yo kwiga, bagomba guhita bashyira amafaranga bakase ku makonti ya BRD abigenewe yafunguwe mu mabanki anyuranye. Urutonde rw'ayo makonti narwo ruboneka ku rubuga rwa Internet: www.brd.rw. Abakoresha barasabwa kandi gushyikiriza BRD inyandiko za Banki zerekana ko bashyize amafaranga kuri ayo makonti (bordereau de versement/deposit slip) hamwe n'urutonde rw'abakozi bishyuriwe, hifashishijwe uburyo bwavuzwe hejuru.
- Ababonye inguzanyo zo kwiga amashuri makuru barasabwa kandi kwegera abakoresha babo kugirango bamenye neza ko amafaranga bakatwa ashyirwa ku makonti ya BRD, n'impapuro zibyemeza zishyikirizwa BRD ku gihe.

BRD iboneyeho kandi gusaba abahawe inguzanyo bikorera kwihutira kuyegera kugirango bumvikane uburyo inguzanyo bahawe zizishyurwa.

BRD iramenyesha kandi abo bireba bose, ko nyuma y'amezi atatu uhereye igihe iri tangazo risohokeye, izatangira gushyira mu bikorwa ibihano biteganywa n'Itegeko ryavuzwe hejuru ku bazaba batubahirije inshingano zabo.

Ukeneye ibindi bisobanuro yakwandikira BRD kuri education@brd.rw .

Bikorewe i Kigali, kuwa 27 Nzeri 2016

Alex KANYAKOLE
Umuyobozi Mukuru